
# Kubijyanye no Kwiha intego



**Jay C. I, Umwami Muto**

Mu Kinyarwanda

JCI

Ruandisch Erstausgabe
Titel: Kubijyanye no Kwiha intego
© 2018 Friedhelm Wachs

Umschlag/Illustration: strichfiguren.de (Adobe Stock)
Autor: Friedhelm Wachs
Übersetzung: Felix Kwihangana
Lektorat, Korrektorat: Sabine Schierwagen

Die deutsche Originalausgabe erschien 2018 im
Verlag: Metropolis Medien Verlags GmbH, Leipzig
ISBN: 978-3-7479-0111-3

Das Werk, einschließlich seiner Teile, ist urheberrechtlich geschützt. Jede Verwertung ist ohne Zustimmung des Verlages und des Autors unzulässig. Dies gilt insbesondere für die elektronische oder sonstige Vervielfältigung, Übersetzung, Verbreitung und öffentliche Zugänglichmachung.

Bibliografische Information der Deutschen Nationalbibliothek:
Die Deutsche Nationalbibliothek verzeichnet diese Publikation in der Deutschen Nationalbibliografie; detaillierte bibliografische Daten sind im Internet über http://dnb.d-nb.de abrufbar.

**www.littlekingjci.com**

Siyacela usisize sixoxe indaba yethu encane kuzilimu ezahlukehlekene. Sicela uxoxe lendaba noma uyibhale ngolimi lwakho.

yanditswe na Friedhelm Wachs || Senator #62758
European Senate President 2018/2019

Yashyizwe mu Kinyarwanda na: Felix Kwihangana
Language: Kinyarwanda



Kera habayeho Umwami Muto akitwa Jay Citoyen wa Mbere.
Jay C. I.  yahoraga ababaye.



Iyo yareba impande zose yabonaga akikijwe n'ubwikubira. Ntawitaga kuri bagenzi be. Abandi bami bato bato b'ibara ry'ikijuju bari banyamwigendaho, naho abami banini bo bakaba babi kurushaho. Ariko nyamara muri bose ntawari unezerewe.

Ni akumiro!

Umwami Muto Jay C I. Yashakaga impinduka. Yifuzaga ko yagira icyo yakorera abenegihugu bagenzi be: ariko yashakaga gukorera abana byinshi kurushaho, mu bucuruzi, mu burezi, ku bakene ndetse n'imidugudu.

Ariko nanone yifuzaga guseka. Yifuzaga kwishima mu buzima, akiga ibintu bitandukanye akanavumbura iyi si y'agatangaza! Ariko se ni gute uyu Mwami muto yari kubasha gukora ibi byose wenyine?

Yaricaye aratekereza ubundi bigezeho agira igitekerezo!





„Kuki ntajya inama n'abandi bami bashaka guhindura ubuzima b'wabantu?“ nicyo Umwami Muto yahise atekereza. „Kwigira kubandi niryo banaga ryo gutera imbere“, niko Jay C. I yakomeje gutekereza atajijinganya.

Nuko arahaguruka afata urugendo rurerure gusura abandi bami.

Umwamikazi w'ibara ry'Ubururu bw'icyatsi aravuga ati:








Iyo yari inama nziza. Umwami Jay C.I.
yakomeje urugendo yuzuye akanyamuneza...




Umwami w'ibara ry'Icyatsi Kibisi yari aziko...
Umuntu wimura umusozi ari wamuntu watangiye gukuraho buhoro buhoro utubuye duto duto. Nidutera intambwe yambere, n'ibikomeye tuzabibasha. Tubasha kugera ku Ntego z'amahoro z'umunryango w'abibumbye.





Umwami Muto Jay yaratekereje ati „Mbega byiza", „burya gutangira niryo banga ryokugera ku mpinduka nziza".

Yakomeje urugendo...








Umwami w'ibara ry'Umutuku yamugiriye inama:



Ku isoko, uzagurisha inshundura aho kugurisha amafi. Abantui nibiga kuroba, baziga kwifasha. Ubu nibwo bwigenge. Abantu bafite ubwigenge, basigasira ubutabera.






Jay C. I yaratekereje ati „Ibi ni byiza cyane“. „Ibi byafasha“. Umwami muto yakomeje urugendo yuzuye akanyamuneza...





Umwamikazi w'ibara ry'idoma aramubwira ati...






Nuko Jay C, I aribwira ati: „Kwiga kugira ubumuntu ubuzima bwanjye bwose. Ibyo ndumva ari byiza. Ibi bizatuma abantu twese twitwa kubibazo bagenzi bacu bahura nabyo.“ Umwmami muto yakomeje gutembera...

Umwami w'ubururu arasobanura...





Ibi bituma abantu barushaho kubana neza
iyo hatari ivangura bishingiye kubucuti.
Amategeko amwe kuri bose. Icyo ni
igitekerezo cyiza. Jay C. I yafashe iki
gitekerezo akibika neza ubundi
akomeza urugendo...





Umwami wa oranje aravuga ati...

Aho wajya hose uhajyane umutima wawe wose. Ntiwibagirweko ntacyo utashobora kandi ko buri gikorwa cyose kigira agaciro gusa iyo ugikoze kubushake n'umutima wawe wose.






Bidatinze, Umwami Jay C.I yarebye hejuru aratungurwa. Hakurya yahabonye ingoro. Mbese yari agarutse mu rugo?

Yari yazengurutse isi yose agaruka aho yatangiriye acyura inama nyinshi nziza.

Jay C. I yahise atangira gushyira mu bikorwa inama abami n'abamikazi bari bamugiriye. Yaretse abaturage be baratembera kugirango babashe kubona nk'ibyo yabonye. Bagombaga gukora ibyiza kandi bakanishimisha.


Bafunguye inzu zabo kugirango abashyitsi batandukanye bashobore kubasura. Bashyizeho amategeko n'abashyitsi babo nabo bagombaga kubahiriza. Byari byiza.





Ba bami bandi nabo basanze hari byinshi bigiye ku mwami muto Jay C. I. Bari bishimye cyane kuberako Jay C. I ntacyo yari yabahishe. Yari yabahishuriye inama abandi bami bari bagiye bamuha. Buri munsi batangiye guhindura isi nziza kurushaho.

Umunsi umwe ba bami bose barahuye. Bakora ibirori umunsi wose amanywa n'ijoro, bamwe bigira kubandi ndetse bamenya byinshi batari bazi kuri bagenzi babo. Bahise biha n'izina, biyita Abambari ba Jay C. I.







Kubera ko iyi nama yagenze neza cyane, bahise bemeza kujya bategura inama nk'izi nibura kabiri mu mwaka.

Bahuraga mu nama mpuzamahanga, bakanahura no munama z'uturere, mu nama z'imbere mu gihugu ndetse no kunzego z'ibanze bahsyiraho uburyo bwoguhaana ibitekerezo.

Nyuma baje kuganza babami banini ba nyamwigendaho.

Bahindutse abanyabyishimo. Babaye abanyabutabera. Bahinduye ibihugu byabo ihuriro ry'amabara atandukanye maze bose bafatanya kwishima baseka.







Ibi byatumye habaho imyumvire yo kwiyemeza intego.

Buri mwami yanditse ibitekerezo bye maze bose hamwe bahimba intero yabo:

**Twemera:**

- Ko Kwizera Imana biha ubuzima bwa muntu ubusobanura n'intego,
- Ko Ubuvandimwe bw'abantu burenga imipaka y'ibihugu,
- Ko Ubwigenge bw'abantu mu bukungu n'ishoramari bituma ubutabera mu bukungu bugerwaho,
- Ko Ubutegetsi bugomba gushingira kumategeko aho gushingira ku bantu
- Ko Ubukungu busumba byose dufite ku isi ari ubumuntu,
- Ko akazi karusha akandi kose ari akagamije guhesha agaciro ikiremwa muntu.





Turashaka kwerekana ububasha bwa Jay C.I . Duhujwe n'ubudasa butagaragara ahandi ku isi. Buri wese muri twe avuga indimi z'ababyeyi, iz'akarere, n'izindi nyinshi ziza ziyongera ku ndimi z'igihugu, n'iz'ubutegetsi.

Reka izondimi tuzigaragaze!

Dufashe ukwirakwiza iyi nkuru yacu mu ndimi nyinshi zishoboka. Dufashe uhindura iyi nkuru mu rurimi rwawe rw'akarere.

Watwohereza iyi nkuru wayihinduye mu rurimi rwawe kuri: **book@littlekingjci.com**



www.littlekingjci.com

ISBN: 978-3-7479-0111-3